**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

Rwamagana, kuwa 01/12/2017
N°.171........../07.05.01

**INTARA Y'IBURASIRAZUBA**

OFFICE OF NGOMA DISTRICT COUNCIL
RECEIVED ON: 14/12/2017
REFERENCE:.................
SIGNATURE:.................

**Bwana Umuyobozi w'Inama Njyanama y'Akarere ka Ngoma**
**NGOMA**

**Impamvu: Imyanzuro y'Inama njyanama isanzwe yo kuwa 17/11/2017**

Bwana Muyobozi,

Nshingiye ku myanzuro y'inama idasanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Ngoma yo kuwa 17/11/2017 yangezeho kuwa 24/11/2017;

Ndabashimira imyanzuro mwafashe, gusa ndabibutsa ko ku bijyanye no kwakira indahiro z'Abajyanama bashya mwajya mwubahiriza ibiteganywa n'ingingo 6 y'iteka rya Minisitiri N°002/07.01 ryo kuwa 02/07/2015 rigena amategeko ngengamikorere y'Inama Njyanama, bityo mukaba musabwa kubikurikiza ubutaha.

Ku bijyanye no gucyemura ibibazo by'abaturage baba babandikiye, ndabashimira ko mwabihaye umwihariko. Mboneyeho kubasaba kugabanya iminsi ubusabe bw'abaturage bumara batarahabwa igisubizo.

Mugire imirimo myiza.

**MUFULUKYE Fred**
Guverineri w'Intara y'Iburasirazuba

**BIMENYESHEJWE:**

- Bwana Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu;
  **KIGALI**
- Bwana Umuyobozi w'Akarere ka Ngoma;
  **NGOMA**

P.O. Box 30 Rwamagana, Tel: 0252567931, Email: info@easternprovince.gov.rw,
Website: www.easternprovince.gov.rw

**REPUBULIKA Y' U RWANDA**

**Ngoma, kuwa 23 /11/2017**
**N°Réf.NJY/27/07.05.06**

OFFICE OF THE MAYOR
NGOMA DISTRICT
RECEIVED ON: 29/11/2017
REFERENCE:
SIGNATURE:


**INTARA Y'IBURASIRAZUBA**
**AKARERE KA NGOMA**
**INAMA NJYANAMA**
**Email: disconcilngoma**


Eastern Province
For reception
Date 24 NOV 2017 14h03
Signature

Madamu Guverineri w'Intara y'Iburasirazuba
**RWAMAGANA.**

**IMPAMVU :** Kohereza imyanzuro y'Inama isanzwe y'Inama Njyanama yo kuwa **17/11/2017**.

Madamu Guverineri,

Nejejwe no kubandikira ngirango mbohereze ku mugereka w'iyi baruwa imyanzuro y'Inama isanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Ngoma yo kuwa **17/11/2017**.

- Ku mugereka wayo murahasanga inyandikomvugo y'inama isanzwe y'Inama Njyanama yo ku wa **26/5/2017**.
- Ku mugereka wayo murahasanga inyandikomvugo y'inama idasanzwe y'Inama Njyanama yo ku wa **29/6/2017**.
- Ku mugereka wayo murahasanga inyandikomvugo y'inama isanzwe y'Inama Njyanama yo ku wa **30/9/2017**.

Mbaye mbashimiye uburyo muyakira.

P.O Dr KANYANKORE ...

**BANAMWANA Bernard**

Perezida w'Inama Njyanama y'Akarere ka Ngoma

**BIMENYESHEJWE**

- Bwana Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu
  **KIGALI.**
- Bwana Umuyobozi w'Akarere ka Ngoma

**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**INTARA Y'IBURASIRAZUBA**

**AKARERE KA NGOMA**

## IMYANZURO Y'INAMA ISANZWE Y'INAMA NJYANAMA Y'AKARERE KA NGOMA YO KUWA 17/11/2017

Ku wa gatanu tariki ya **17/11/2017** i saa yine (10h00) za mu gitondo, Inama Njyanama y'Akarere ka Ngoma yarateranye mu nama yayo isanzwe, iteranira mu cyumba gito cy'inama cy'Akarere, iyoborwa n'Umuyobozi w' Inama Njyanama Bwana **BANAMWANA Bernard**. Atangiza inama , yasuzumye ubwitabire bw'Abajyanama, inama yitabiriwe n'Abajyanama 23 kuri 29.

Abajyanama basabye impushya ni aba bakurikira:

1. Bwana MUSONERA Ephrem
2. Madamu MUKARUTESI Chantal
3. Madamu KABANYANA Candida
4. Madamu ISINGIZWE Aline
5. Madamu MUSABWASONI G.Sandre
6. Madamu UWINGABIRE Fausca

Nyuma yo gusuzuma ubwitabire, Umuyobozi w'Inama Njyanama yagejeje ku bitabiriye inama gahunda y'ibyigirwa mu nama , ingingo ku yindi

**Ku murongo w'ibyigwa hari :**

1. Kwakira indahiro y'Abajyanama bashya : Bwana **MBARANGA Eudence Gervas** na Madamu **UWIMANA Frorence**
2. Kugezwaho uruhare rwa UNIK mu iterambere ry'Akarere ka Ngoma
3. Gusoma, gusesengura no kwemeza inyandikomvugo y'inama isanzwe y'Inama Njyanama yo kuwa 26/5/2017 n'inyandikomvugo y'inama idasanzwe y'Inama Njyanama yo ku wa 29/6/2017 n'inyandikomvugo y'inama isanzwe yo ku wa 30/9/2017.
4. Raporo y'inama y'Abaperezida yo ku wa 01/9/2017 n'iyo ku wa 16/9/2017
5. Ibintu n'ibindi

**INGINGO I: Kwakira indahiro y'Abajyanama bashya**

Abari mu bakiriye indahiro y'Abajyanama **MBARANGA Eudence Gervas** watorewe guhagararira Umurenge wa Murama mu Nama Njyanama y'Akarere ka Ngoma asimbuye Umujyanama HATEGEKIMANA Fred wahamagariwe indi mirimo itamwemerera kuzuza inshingano z'ubujyanama na **UWIMANA Frorence** watorewe kuba muri bureau y'Inama y'Igihugu y'Urubyiruko asimbuye MWIZA Nadege wagiye mu nshingano zitamwemerera gukomeza kuba Umujyanama.

**INGINGO II: Uruhare rwa UNIK mu iterambere ry'Akarere ka Ngoma**

2. Umuyobozi wa UNIK **Prof. Egide KARURANGA** yagejeje ku bari mu nama ingamba icyo kigo gifite mu bufatanye n'izindi nzego mu guteza imbere Akarere ka Ngoma. Muri urwo ruhare harimo kubyaza umusaruro ubutaka bw'Akarere biciye mu masezerano no guteza imbere ireme ry'uburezi.

**INGINGO III:**

**Gusoma , gusesengura no kwemeza inyandikomvugo y'inama isanzwe y'Inama Njyanama yo ku wa 26/5/2017 ,inyandikomvugo y'inama idasanzwe yo ku wa 29/6/2017 n'inyandikomvugo y'inama isanzwe yo ku wa 30/9/2017 .**

3. . Nyuma yo gusoma , gusesengura no gukorera ubugororangingo inyandikomvugo z'inama z'Inama Njyanama y'Akarere ka Ngoma , abari mu nama barazemeje. Izo nyandikomvugo ni :

- Inyandikomvugo y'inama isanzwe yo ku wa **26/5/2017.**

- Inyandikomvugo y'inama idasanzwe yo ku wa **29/6/2017 .**

- Inyandikomvugo y'inama isanzwe yo ku wa **30/9/2017.**

**INGINGO IV:**

**Raporo y'inama y'Abaperezida yo ku wa 01/9/2017 n'iyo ku wa 16/11/2017**

Nyuma yo gusoma no kungurana ibitekerezo kuri raporo y'zoi nama z'Abaperezida , hafashwe imyanzuro ikurikira :

4. Ku ibaruwa Koperative KIDAFACO yandikiye Inama Njyanama isaba guhabwa ubutaka bwo kubakamo udukusanyirizo tw'amata 7 mu Mirenge ya Rukira, Mutenderi, Kazo , Remara na Murama, abari mu nama bemeje ko KIDAFACO yashaka ubushobozi bwo kubona ubwabo butaka bakubakamo utwo dukusanyirizo kuko ari ibikorwa bya Koperative ku giti cyayo.

5. Hari ibaruwa yo ku wa 08/06/2017 yageze ku Nama Njyanama ku wa 15/6/2017 Association Dufatanye mu Bworozi bwa Kijyambere yandikiye Inama Njyanama isaba gusubiza ubutaka yari yaratijwe n'Akarere.
   Iyi association yari yarasabye ubutaka buherereye mu Murenge wa Mugesera bwo kororeramo inka irabuhabwa , nyuma yo kubona ubusabe bw'iyi association isaba kubusubiza Akarere , abari mu nama bemeje ko ubutaka bari batijwe , urwego rubifitiye ububasha bwazagena ikindi bwazakoreshwa.

6. Ibaruwa yo ku wa 28/6/2017 umuyobozi w'Akarere ka Ngoma Bwana NAMBAJE Aphrodise yandikiye Inama Njyanama asaba kwemerera umushinga wa ASSETIP gukorera mu Karere ka Ngoma, uyu mushinga ukaba ushinzwe gukurikirana ibikorwa by'imiturire mu Karere. Inama yemeje ko uyu mushinga wakwemererwa gukorera mu Karere ka Ngoma.

7. Ku ibaruwaku ibaruwa yo ku wa 03/03/2017 yanditswe na NYIRANSHONGORE Martha utuye mu Murenge wa Kicukiro yanditse asaba uburenganzira bwo kwibaruzaho ishyamba riherereye mu Murenge wa Murama mu Kagali ka Sakara risanzwe ryanditse kuri Leta, hashingiwe kuri raporo ya Komisiyo y'Imari n'Iterambere ry'Ubukungu bari kumwe n'umukozi w'Akarere wo mu Biro by'ubutaka, igaragaza ko ubu butaka ntacyangombwa na kimwe kigaragagaza ko ari ubwa Nyiranshongore abari mu nama bemeje ko ubu butaka Nyiranshongore atabuhabwa inasaba ko habarurwa ubutaka bwo nama se bwa Leta bufitwe n'abaturage hakamenyekana ababuhawe byemewe n'amategeko, ubwo abaturage bihaye ndetse n'icyo bukoreshwa.

8. Ku ibaruwa yo ku wa 05/7/2017 umuhuzabikorwa w'Inama y'Igihugu y'Urubyiruko mu Kagari ka Sakara mu izina ry'urubyiruko ahagarariye; yanditse asa ubutaka bw'ikibuga cy'Umupira w'amaguru buherereye mu Mudugudu wa Gitesanyi.
Hashingiwe kuri raporo y'Abajyanama ba Komisiyo y'Imari y'Ubukungu n'umukozi w'Akarere bajyanye kureba imiterere y'icyo kibazo, bagaragaje ko ubwo butaka buri mu gishanga MINAGRI yatije Koperative KOPRIKI ihinga umuceri ; abari mu nama bifuje ko ubwo butaka batabuhabwa ahubwo isaba ubuyobozi bw'Umurenge wa Murama bwabashakira ahandi bashobora kubona ikindi kibuga.

9. Ku ibaruwa yo ku wa **01/06/2017 RUBANZANA Alain** uhagarariye Associstion **TWITEZE IMBERE FARM** ikorera mu Murenge wa Mugesera, Akagari k'Akabungo , Umudugudu wa Nyamirambo yanditse asaba gutizwa ubutaka bungana na 6ha buherereye muri uwo Murenge bwo kororera mo inka. Iyi Association ikaba igizwe na Rubanzana Alain , Mukasafari Yozefa na Bizimana Felicien.
Hashingiwe kuri raporo y'Abajyanama ba Komisiyo y'Imari n'Iterambere ry'Ubukungu bari n'umukozi w'Akarere, igaragaza ko iyo Association nta byangombwa ifite biyemerera gukora nk'Association, mu buryo bwemewe n'amategeko, bimaze kugaragara ko nta mushinga ugaragaza ibyo bateganya gukora kandi bakaba baburimo nta rwego rubifitiye ububasha rwabubatije, abari mu nama bemeje ko ubwo butaka bwasubizwa mu maboko y'Akarere bakaba bagomba gukuramo ibikorwa bashyizemo mu gihe kitarenze amezi atatu nyuma yo kubona ibaruwa ibamenyesha uyu mwanzuro.

10. Ku ibaruwa yo ku wa **12/7/2017** Expert Eastern Burners LMT igagarariwe na **RUTAGANIRA Emile** utuye mu Murenge wa Mugesera, Akagali ka Nyamugali yandikiye Inama Njyanama asaba kurenganurwa; aho yavugaga ko Koperative KORIMI yamutwariye ubutaka yahawe kuwa 30/07/2012 bwo kubumbira mo amatafari.

Hashingiwe kuri raporo y'Abajyanama ba Komisiyo y'Imari n'Iterambere ry'Ubukungu bari kumwe n'umukozi w'Akarere ushinzwe Kariyeri n'amashyamba, bagiye I Mugesera gukurikirana imiterere y'icyo kibazo aho bari kumwe n'abagize Koperative KORIMI, Rutaganira Emile ,abaturage batuye hafi y'ahari ubwo butaka n'Ubuyobozi bw'Umurenge wa Mugesera ,basanze KORIMI itaramurengereye kandi icyangombwa yahawe cyo kubumba amatafari cyararengeje igihe. Biyo abari mu nama bemeje ko Ubuyobozi bwa Expert Eastern Burners LTD bwakandikirwa bumenyeshwa ko igihe bahawe cyo kubumbira amatafari hariya havuzwe haruguru cyarangiye ku wa 30/7/2017 nk'uko bigaragazwa n'amasezerano bari yagiranye n'Akarere ku wa 30/7/2012, ko akeneye andi masezerano yakandikira Akarere ayasaba nyuma yamara kuyahabwa Ubuyobozi bw'Akarere bukazamutera imbago bumwereka aho yatijwe kugirango ntihazongere kuba amakimbirane.

11. Ku ibaruwa yo ku wa 12/4/2017 **NYIRAKAMANA Marie Louise** utuye mu Murenge wa Jarama Akagari ka Jarama, Umudugudu wa Duterimbere yanditse asaba ingurane y'inzu yisenyeye mu nkengero y'ahubatswe isoko rya Jarama.

    Abari mu nama bemeje ko hakomezwa icyemezo cy'Inama Njyanama y'Akarere yari yafashe kuri icyo kibazo mu mwaka wa 2012 ; aho bemezaga ko abaturage bari barubatse amazu mu butaka bwa Leta, kandi umuntu wese witije ubutaka bwa Leta akabukoreraho ibikorwa, igihe icyo ari cyo cyose Leta ibukenereye agomba kubusubiza. Ariko mu_rwego rwo guteza imbere isantire ( Centre) y'ubucuruzi ya Jarama, abo baturage bari baritije ubutaka bwa Leta, kimwe na NYIRAKAMANA bemerewe kubwibaruzaho ; bakazabwubakamo inzu z'ubucuruzi bakurikije igishushanyo mbonera cyaho. Abaturage bane bari bafite amazu ahubatswe isoko nibo gusa bemerewe guhabwa ingurane kuko bo batahawe kuri ibyo bibanza, abo ni Twagirayezu Pascal, Habumugisha Claver , Rutabana Philibert na Nzeyimana Innocent. Bityo hafashwe umwanzuro ko Nyirakamana atahabwa ingurane y'iyo nzu .

12. Ku ibaruwa NTAMBARA Grace yanditse asaba uburenganzira bwo kwibaruzaho ubutaka buherereye mu Murenge wa Rurenge , Akagari ka Rugese yahawe na Muramukazi we Matama . Hashingiwe kuri raporo y'Abajyanama ba Komisiyo y'Imari n'Iterambere ry'Ubukungu yagiye gukurikirana icyo kibazo I Rurenge , hashingiwe kandi kuri raporo y'umuryango wa Ntambara Grace . Abari mu nama bemeje ko NTAMBARA Grace yakemererwa kwibaruzaho ubwo butaka yahawe na Matama.

13. Mu nkengero z'ikiyaga cya Sake muri metero 50, ahashyizwe umuhanda wa HIMO,abaturage cumi na barindwi bari bahafite amasambu bari bahawe ubwo bari bahungutse , abo baturage ni : **Gatonda**

**Faustin, Gakwaya Jean Baptiste, Kankindi Daphrose, Musabyemariya Jeanne d'Arc, MUNYANEZA Innocent, Kabera Egide, Rukiza Elias, Kanyange Margueritte, Mukiza Gregoire, Nyilidandi, Museruka, Murangira, Nyirakozivuze Cacien, Kamaraba Odette, Murindabigwi , Uriho Emor.** Abari mu nama bemeje ko abo baturage Ubuyobozi bw'Akarere bwabashakira ahandi kuko badafite aho bahinga ariko ubuyobozi bw'ibiro by'ubutaka ku rwego rw'Akarere bukazabanza kujya gupima ingano y'ubutaka buri wese yari afite .

14. Ku mabaruwa Umuyobozi w'Akarere Bwana **NAMBAJE Aphrodise**, Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Imibereho Myiza Madamu **KIRENGA Providence** n' Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Imari n'Iterambere ry'Ubukungu Bwana **RWIRIRIZA J.M.V** bandikiye Inama Njyanama basaba ikiruhuko cy'umwaka wa 2017-2018 , abari mu nama bemeje ko bagihabwa ku buryo bukurikira:

| No | AMAZINA | ICYO ASHINZWE | IGIHE AZAGIRA MU KIRUHUKO |
|---|---|---|---|
| 1. | NAMBAJE Aphrodise | Mayor | 15/9-14/10/2017 |
| 2. | KIRENGA Providence | V/M Afso | 04/12/2017-02/01/2018 |
| 3. | RWIRIRIZA J.M.V | V/M EC. | 08/01-06/02/2018 |

15. Ku ibaruwa yo ku wa 20/6/2017 **MURUTAMPUNZI Antoine** wo mu Murenge wa Rurenge Akagari ka Rugese Umudugudu wa Kiyanja yandikiye Inama Njyanama asaba kurenganurwa , agahabwa uburenganzira bwo kwibaruzaho ubutaka yaguraniwe ubwe yari yatanze bugatuzwamo abanyarwanda birukanywe Tanzaniya, hashingiwe kuri raporo ya Komisiyo y'Imiyoborere Myiza yagiye gukurikirana icyo kibazo , abari mu nama bemeje ko yakemererwa kwibaruzaho ubwo butaka , kandi ko ubwo butaka yahawe bukongerwa kugirango buhwane n'ubwo yatanze .

16. Ku ibaruwa yo ku wa 07/8/2017 umuryango w' **UWAMARIYA Genevieve** wo mu Murenge wa Kazo Akagari ka Birenga Umudugudu wa Murindwa washakanye na RUTSINDINTWARANE J. Bosco , wandikiye Inama Njyanama ngo ibafashe gukurikirana ikibazo cy'uwo UWAMARIYA waburiwe irengero , abari mu nama bamenyeshejwe ko icyo kibazo cyashyikirijwe Police iragikurikirana kandi uwo UWIMANA Genevieve yabonetse ari mu rugo nta kibazo afite.

17. Abari mu nama bagejejweho ikibazo cy'uko mu Mirenge imwe n'imwe ikiguzi cy'amazi kiri hejuru. Bemeje ko icyo kibazo cyakurikiranwa n'Ubuyobozi bw'Akarere harebwa niba ibiciro RURA yatanze byubahirizwa.

18. Mu rwego rwo kunoza urutonde rw'imishinga minini Akarere ka Ngoma kazashyira mu bikorwa mu mwaka wa 2018-2019, Inama Njyanama yemeje ko izakorana n'abatekinisiye b'Akarere babifite mu nshingano umwiherero uzaba ku wa 01-02/12/2017 .

19. Abari mu nama bemeje ko kubera ibibazo byinshi by'amasambu bigaragara mu Murenge wa Rurenge cyane cyane mu Kagari ka Rugese ubuyobozi bw'Akarere bwazagena igihe gihagije cyo kubikurikirana no kubikemura.

20. Abari mu nama nyuma yo gusesengura amabwiriza agenga Transit Center bayemeje.

21. Ku ibaruwa Ubuyobozi bw'Ibitaro Bikuru bya Kibungo bwandikiye Inama Njyanama basaba gufashwa kwishyurizwa amafaranga y'ibikorwa by'ubuvuzi byakorewe abatishoboye ( cas sociaux) kuva mu mwaka wa 2010-2017 , iyo myenda ingana na miliyoni mirongo itatu n'esheshatu , ibihumbi Magana cyenda na mirongo inani n'umunani n'amafaranga Magana atandatu mirongo ine n'ane( **36, 988,644** rfws). Nyuma yo kurebera hamwe imiterere y'iki kibazo abari mu nama bemeje ko ubuyobozi bw'Ibitaro bwagaragaza urutonde rw'abivuje bakurikije Imirenge kugirango Ubuyobozi bw'Imirenge bufashe mu kwishyuza.
Bemeje kandi ko abarwayi boherejwe n'Akarere nabo hagaragazwa urutonde rwabo Akarere kakabishyurira mu rwego rwo kugirango uwo mwenda utazagira ingaruka ku mikorere y'ibitaro ya buri munsi.

22. Abari mu nama bagaragarijwe ikibazo cy'utubari dusakuriza abaturage mu masaha ya nijoro dukoresheje ibyuma ndangururamajwi n'abahanzi babyina. Abari mu nama bemeje ko Ubuyobozi bw'Akarere bufatanyije n'inzego z'umutekano bazaganiriza ba nyir'utubari bakabasaba kugira inzu zabugenewe zidasohora amajwi hanze bakibutswa kandi ko abana bato batagejeje ku myaka cumi n'umunani batemerewe kujya mu tubyiniro. Muri utwo tubari harimo Umbrella na La Palme d'Or.

23. Ku ibaruwa UmunyamabangaNshingwabikorwa w'Akarere ka Ngoma yandikiye Inama Njyanama asaba kwemerera ikigo cya Capacity Building and Employment Services Board (CBESB) gukorera mu Karere ka Ngoma, iki kikaba ari ikigo gitanga abantu bimenyereza umwuga kikanabaha amafaranga abafasha mu nshingano baba bahawe.
Inama imaze kubona ko ibi byakorohereza Akarere mu kubona abakozi bunganira abasanzwe bahari mu byiciro bitandukanye abari mu nama bemeje ko iki kigo cyakwemererwa gukorera mu Karere ka Ngoma.

24. Ku ibaruwa yo ku wa 11/05/2017 **MUGABO NYAKARUNDI** utuye mu Murenge wa Mutenderi yanditse asaba guhabwa icyangombwa cy'ubutaka, aho Nyakarundi mu mwaka wa 2001 yaguze isambu na Gashwiriri Emmanuel uyu Gashwiririr akaba avuga ko iyi sambu yayisaranganyijwe n'ubuyobozi. Nyuma iyi sambu baje gusanga yari iy'abana bacitse ku icumu rya Genoside yakorewe Abatutsi isubizwa uwo mu muryango wabo witwa MUGOREWERA Claudine utuye mu Ntara y'Amajyepfo, nyuma Ubuyobozi bw'Umurenge buha uyu Nyakarundi Mugabo ubundi butaka bwo kugurana iyo sambu kuko nta yindi yari afite.

Hashingiwe kuri raporo y'Abajyanama ba Komisiyo y'Imari n'Iterambere ry'Ubukungu bagiye i Mutenderi gukurikirana icyo kibazo , abari mu nama bemeje ko uyu Nyakarundi yakemererwa kwibaruzaho ubwo butaka yahaweho ingurane.

25. Ku ibaruwa yo kuwa **28/8/2017 NIKUZE Alphonsine** yandikiye Inama Njyanama asaba kurenganurwa agakosorerwa icyangombwa aho avuga ko ubutaka bw'ababyeyi be buherereye mu Murenge wa Kibungo Akagari ka Mahango ko mu gihe cy'ibarura ry'ubutaka igice kimwe cy'ubwo butaka bw'ababyeyi be cyanditswe kuri Leta. Hashingiwe kuri raporo y'Abajyanama ba Komisiyo y'Imari n'Iterambere ry'Ubukungu bari kumwe n'Abatekinisiye b'Akarere bo mu biro by'ubutaka, n'abaturage batuye ahaherereye ubwo butaka , bagiye kureba imiterere y'iki kibazo, byagaragaye ko nta kigaragaza ko ubwo butaka asaba ari ubw'ababyeyi, kandi ko mu gihe cyo kwandika ubutaka, ubwo NIKUZE Alphonsine asaba bwari ubwa Leta, bwaratewemo n'ishyamba mu buryo bw'umuganda ibyo bikaba byaremejwe n'abaturage batuye aho ubwo butaka buri. Inama imaze gusuzuma ibi byose yemeje ko NIKUZE Alphonsine adahabwa ubu butaka asaba.

26. Ku ibaruwa **yo ku wa 15/6/2017 yatugezeho ku wa 08/9/2017 GAHONGAYIRE Rutonesha Alphonsine** mwene **SEBAZUNGU Francois** yandikiye Inama Njyanama asaba uburenganzira bwo kwandikwaho ishyamba riherereye mu Murenge wa Sake.
Hashingiwe kuri raporo y'Abajyanama ba Komisiyo y'Imari n'Iterambere ry'Ubukungu ifatanyije n'umukozi wo mu Biro by'Ubutaka ku Karere, bamwe mu bakozi b'Umurenge wa Sake, abaturage baturiye ubwo butaka, bamwe mu banyamuryango b'umuryango wa **SEBAZUNGU Francois** , abagize Komite yabaruga ubutaka n'umuryango wabagurishije ubwo butaka;
Byagaragaye ko ishyamba basaba riri hagati by'ubutaka bwabo, haruguru hahingwa naho hepfo yaryo hakaba harimo irindi shyamba rikiri rito, ubwo butaka bashaka kwibaruzaho bukaba bwari ubwa Leta kuva kera bikaba byaremejwe n'abatangabuhamya bari bahari ; bityo abari mu nama bemeje ko batabuhabwa.
27. Ku ibaruwa yo ku wa **18/9/2017 Lt Col. Joseph NDAHIRO** yandikiye Inama Njyanama asaba gutizwa inzu ya Leta iri i Musamvu yo gucumbikiramo Major Epimaque KAYITARE,
Nyuma yo kubaza abashinzwe gucunga umutungo w'Akarere icyo iyo nzu isanzwe ikoreshwa, basobanuye ko iyo nzu ikodeshwa amafaranga ajya mu misoro y'Akarere nk'uko byemejwe n'Inama Njyanama kandi irimo n'umuturage uyikodesha. Bityo abari mu nama bemeje ko yamenyeshwa ko irimo undi muntu.

28. Ku ibaruwa yo ku wa **06/9/2017 MAZIMPAKA Deny** utuye mu Murenge wa Rukira AKagali ka Kibatsi yandikiye Inama Njyanama asaba guhabwa icyangombwa cya Burundu cy'ubutaka yahawe nk'ingurane y'ubwo yahaye abana b'imfubyi barokotse Genoside yakorewe Abatutsi mu 1994, ubwo butaka bukaba bungana na ha 6 . Abari mu nama bemeje ko hashingirwa kuri raporo y'Abatekinisiye b'Akarere igaragaza imiterere y'icyo kibazo MAZIMPAKA Denis yakemererwa kwibaruzaho ubwo butaka.

29. Ibaruwa yo ku wa 16/10/2017 Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere yandikiye Inama Njyanama asaba uburenganzira bwo kwimura amafaranga ari ku murongo w'ingengo y'imari agenewe amazi n'amashanyarazi agashyirwa mu bikorwa byo kubaka Hoteli y'Akarere ka Ngoma ; nyuma yo kwemererwa na LODA na MINECOFIN ko bazabaha ayo ku yasubizaho mu ngengo y'imari ivuguruye ya 2017-2018. Abari mu nama bemeje ko bakemererwa kwimura ayo mafaranga.

30. Ibaruwa yo ku wa 31/11/2017 **Mutamuriza Jacqueline** utuye mu Murenge wa Kibungo, Akagari ka Karenge , Umudugudu wa Musamvu yandikiye Inama Njyanama asaba kwandikwaho ubutaka avuga ko yahaweho ingurane n'icyahozе ari Perefegitura ya Kibungo nyuma y'uko apfushije umugabo we wari umukozi wa Perefegitura Bwana **MUGABO Alexandre** mu mwaka wa 1997 inzu yari yatangiye kwishyura igahabwa undi mukozi we agacumbikirwa mu nzu ya Leta iri I Musamvu. Hashingiwe ku mwanzuro w'Inama Njyanama y'Akarere ka Ngoma wo ku wa 14/02/2013 mu ngingo ya 3 aho bashingiye kuri raporo ya Komisiyo y'Imibereho Myiza yari yagiye gukurikirana ikibazo cya **Mutamuriza Jacqueline** na mugenzi we **Mukamudenge Emeritha** bari bacumbikiwe muri izo nzu ubu zikaba zishaje cyane, bari bemeje ko Komite Nyobozi yabashakira aho kuba nk'abandi batishoboye ikanakurikirana icyangombwa uyu Mutamuriza Jacqueline yibarujeho iyo nzu mu buryo butemewe kigateshwa agaciro . Abari mu nama bemeje ko **MUTAMURIZA Jacqueline** na **MUKAMUDENGE Ereritha** batuzwa muri IDP Model ya Mutenderi.

31. Ibaruwa ya **MUNANA Silas** wo mu Murenge wa Remera, Akagari ka Bugera, Umudugudu wa Gisunzu yandikiye Inama Njyanama asaba gufashwa kubona aho gutura. Ubwo Komisiyo y'Imibereho Myiza yasuraga **MUNANA Silas** yasanze acumbikiwe mu nzu nto y'icyumba kimwe na Salon nto cyane kandi nayo ishaje ku buryo ikeneye gusanwa, basanze kandi nta sambu agira ndetse nta bundi bushobozi afite bwo kuba yabasha kwiyubakira nk'uko binemezwa n'Umuyobozi w'Umudugudu wa Gisunzu atuyemo bityo akaba nawe yashakirwa aho gutura. Abari mu nama bashingiye kuri iyo raporo bemeje ko nawe yatuzwa muri IDP Model village ya Mutenderi.

32. Abajyanama ba Komisiyo y'Imibereho Myiza basuye abaturage bo muri IDP Model Village ya Mutenderi, bakaba basanze abaturage bishimiye ubuzima babayemo ndetse bakaba banakurikiranwa buri munsi n'ubuyobozi bw'Umurenge, Akagari n'Umudugudu batuyemo. Abajyanama babagiriye inama zitandukanye zirimo; kuboneza urubyaro mu rwego rwo gutegura ejo heza habo, kujya bitabira gahunda za Leta zibera ku rwego rw'Umudugudu, Akagari n'Umurenge hamwe n'abandi baturage ntibumveko bo bitabareba, bakanguriwe kwita ku isuku birinda indwara ziterwa n'isuku nke ndetse no gutekereza ku buryo bubafasha kwiteza imbere bujyanye n'ubushobozi bwabo.

Nyuma yo gusanga nta Mujyanama w'ubuzima bafite ubegereye kugirango akomeze kubitaho, Abajyanama bari babasuye basabye Umukozi w'Umurenge ushinzwe imibereho Myiza y'abaturage gufasha abatuye muri IDP Model village kubona umujyanama w'ubuzima ndetse byaba byiza hakazahugurwa umwe muri bo akajya abafasha mu bijyanye n'ubuzima bwabo bwa buri munsi , abari mu nama babyemeje.

## INGINGO V: Ibintu n'ibindi

33. Ku ibaruwa yo ku wa 17/11/2017 Ubuyobozi bw'Akarere bwandikiye Inama Njyanama busaba kuzuza Board ya Farumasi y'Akarere ka Ngoma , aho Umujyanama Hategekimana Fred wari uyirimo yasezeye mu Nama Njyanama naho Padiri Kagimbura Oscar akaba yaragiye kwiga, abari mu nama bemeje koHategekimana Fred yasimburwa n'Umujyanama **MBARANGA Eudence Gervas** naho Padiri agasimburwa na **Padiri NDAYISENGA Aimable** .

Inama yashoje imirimo yayo saa kumi n'ebyiri n'igice (18h30) z'umugoroba , Umuyobozi wayo ashimira abayitabiriye ibitekerezo byiza batanze.

Bikorewe i Ngoma ku wa **17/11/2017**

**Umwanditsi w'inama**

**MUKANKURANGA Beatrice**

Umunyamabanga w'Inama

Njyanama y'Akarere ka Ngoma

**Umuyobozi w'inama**

P.O BANOBANA

**BANAMWANA Bernard**

Perezida w'Inama Njyanama

y'Akarere ka Ngoma

# URUTONDE RW'ABAJYANAMA BITABIRIYE INAMA ISANZWE Y'INAMA NJYANAMA YO KU WA 17/11/2017

| No | AMAZINA | UMURENGE | N0 Tel. | UMUKONO |
|---|---|---|---|---|
| 01 | MUGABANEZA K. Thierry | Rurenge | 0788430785 | |
| 02 | GAZIMIRE Justus | KIBUNGO | 0788830923 | |
| 03 | Dr KANYOSANA Mathe | SAKE | 0788413212 | |
| 04 | GASANA J. de Dieu | Murama | 0788124525 | |
| 05 | Rukundo Gilbert | Gashanda | 0788514139 | |
| 06 | MUKANDANGA Marie | JARAMA | 0783340102 | |
| 07 | MULIGO Ladislas | Karembo | 0788665451 | |
| 08 | KIMENYI Martin | KAZO | 0788849461 | |
| 09 | Mukankurunga Béatrice | Kibungo | 0788457849 | |
| 10 | SINAYOBYE Innocent | Murama | 078334767[illegible] | |
| 11 | UMUHIRE M. Providence | SAKE | 0788630377 | |
| 12 | KAMANZI Felix | MUTENDERI | 0788693526 | |
| 13 | KAYITESI Fortunata | Karembo | 0788770827 | |
| 14 | Dr. NAMANYA William | Rukumberi | 0788690461 | |
| 15 | MUKANKUNZI Pelagie | MUGESERA | 0788605220 | |
| 16 | BANAMWANA Bernard | ZAZA | 0788310705 | |
| 17 | KIRENGA Providence | KAZO | 0788562953 | |
| 18 | RWIRIRIZA J.M.V | RUKIRA | 0788122524 | |
| 19 | HAKIZIMANA AUGUSTIN | KIBUNGO | 0788604376 | |
| 20 | Nambaje Aphrodise | Kibungo | 0786859415 | |
| 21 | MUGISHA Narcisse | REMERA | 0783716454 | |

VBS

URUTONDE RW'ABAJYANAMA BITABIRIYE INAMA ISANZWE
Y'INAMA NJYANAMA YO KU WA 17/11/2017

| No | AMAZINA | UMURENGE | N0 Tel. | UMUKONO |
|---|---|---|---|---|
| 22 | MBARANGA Eudence Gervais | MURAMA | 0788871752 | [signature] |
| 23 | UWIMANA Florence | KAZO | 0783967085 | [signature] |
| | | | | |
| | | | | |
| | | | | |
| | | | | |
| | | | | |
| | | | | |
| | | | | |
| | | | | |
| | | | | |
| | | | | |
| | | | | |
| | | | | |
| | | | | |
| | | | | |
| | | | | |
| | | | | |
| | | | | |
| | | | | |
| | | | | |

[initials]